

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amabwiriza ya Minisitiri/ Ministerial Instructions/ Instructions Ministérielles

N°17/2012 yo kuwa 10/07/2012

Amabwiriza ya Minisitiri agenga ibigo byigenga bitanga ibyemezo by'ubuziranenge.....3

N°17/2012 of 10/07/2012

Ministerial Instructions regulating private certification bodies offering product and system certification.....3

N°17/2012 du 10/07/2012

Instructions Ministérielles relatives à la réglementation des organismes privés de certification des produits et systèmes.....3

B. Imiryango idaharanira inyungu/Non profit making Associations/Associations sans but lucratif

N°25/08.11 ryo kuwa 03/02/2012

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Umuryango w'Abanitirisiyonisiti mu Rwanda (RNS) kandi ryemera Abavugizi bawo.....7

N°25/08.11 of 03/02/2012

Ministerial Order granting legal status to the Association «Rwanda Nutritionists Society (RNS)» and approving its Legal Representatives.....7

N°25/08.11 du 03/02/2012

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association «Communauté des Nutritionnistes au Rwanda (RNS)» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....7

N°47/08.11 ryo kuwa 15/03/2012

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Umuryango «Rwanda Dental Association (RDA)» kandi ryemera Abavugizi bawo.....28

N°47/08.11 of 15/03/2012

Ministerial Order granting legal status to the Association «Rwanda Dental Association (RDA) » and approving its Legal Representatives.....28

N°47/08.11 du 15/03/2012

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association «Rwanda Dental Association (RDA)» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....28

N°48/08.11 ryo kuwa 15/03/2012

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Umuryango «Rwanda Association of Environmental Health Practitioners (RWAEH) » kandi ryemera Abavugizi bawo.....45

N°48/08.11 of 15/03/2012

Ministerial Order granting legal status to the Association «Rwanda Association of Environmental Health Practitioners (RWAEH) » and approving its Legal Representatives...45

N°48/08.11 du 15/03/2012

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association «Rwanda Association of Environmental Health Practitioners (RWAEH)» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....45

N°51/08.11 ryo kuwa 23/03/2012

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Umuryango «Rwanda Society of Ultrasound (RSU)» kandi ryemera Abavugizi bawo.....64

N°51/08.11 of 23/03/2012

Ministerial Order granting legal status to the Association «Rwanda Society of Ultrasound (RSU) » and approving its Legal Representatives.....64

N°51/08.11 du 23/03/2012

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association «Rwanda Society of Ultrasound (RSU)» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....64

N°150/08.11 ryo kuwa 23/08/2011

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Umuryango «Christian Life Assembly (C.L.A)» kandi ryemera Abavugizi bawo.....82

N°150/08.11 of 23/08/2011

Ministerial Order granting legal status of the Association «Christian Life Assembly (C.L.A)» and approving its Legal Representatives.....82

N°150/08.11 du 23/08/2011

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association «Christian Life Assembly (C.L.A)» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....82

C. Amakoperative/Cooperatives/Coopératives

-KAUKI.....	97
-KOPEDUNGE.....	98
-GIRIMBUGU.....	99
-KUAGA.....	100
-UMUREGO –NTEKO.....	101
-COASEKI.....	102
-IMBONEZA MUTSAMA.....	103
-COOPAN.....	104

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°17/2012
YO KUWA 10/07/2012 AGENGA IBIGO
BYIGENGA BITANGA IBYEMEZO
BY'UBUZIRANENGE**

**MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°17/2012
OF 10/07/2012 REGULATING PRIVATE
CERTIFICATION BODIES OFFERING
PRODUCT AND SYSTEM
CERTIFICATION**

**INSTRUCTIONS MINISTERIELLES
N°17/2012 DU 10/07/2012 RELATIVES A LA
REGLEMENTATION DES ORGANISMES
PRIVES DE CERTIFICATION DES
PRODUITS ET SYSTEMES**

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;

The Minister of Trade and Industry;

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Article 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses Article 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenza n° 53/2008 ryo kuwa 02/09/2008 rishyiraho Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Pursuant to Organic Law n° 53/2008 of 02/09/2008 establishing Rwanda Development Board (RDB) and determining its responsibilities, organization and functioning as modified and complemented to date;

Vu la Loi Organique n° 53/2008 de la 02/09/2009 portante création de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda (RDB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour;

Ashingiye ku Itegeko N° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye Amasosiyete y'Ubucuruzi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 323 n'ya 333;

Pursuant to the Law N° 07/2009 of 27/04/2009 relating to Companies, especially in its articles 4, 323, and 333;

Vu la loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux Sociétés Commerciales, spécialement dans ses articles 4, 323, et 333;

Ashingiye ku Itegeko n°43/2006 ryo kuwa 05/10/2006 rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuziranenge (RBS);

Pursuant to the Law n° 43/2006 of 05/10/2006 determining the responsibilities, organization and functioning of the Rwanda Bureau of Standards (RBS);

Vu la Loi n°43/2006 du 05/10/2006 déterminant les attributions, l'organisation et le fonctionnement de l'Office Rwandais de Normalisation (RBS);

Ashingiye ku Itegeko N°15/2001 ryo kuwa 18/01/2001 rigenga Ubucuruzi bw'Imbere mu Gihugu;

Pursuant to the Law N° 15/2001 of 18/01/2001 on organization of Internal Trade;

Vu la loi N°17/2001 du 18/01/2001 portant l'organisation du Commerce Intérieur ;

Ashingiye kuri Politiki y'Ubucuruzi mu Rwanda yo mu mwaka wa 2010 igaragaza imitunganyirize y'ubucuruzi mu Rwanda;

Having considered the Rwanda Trade Policy 2010 that stipulates the organization of Trade in Rwanda;

Vu la Politique Nationale de 2010 portant sur l'organisation du Commerce au Rwanda;

Official Gazette n° 35 of 27/08/2012

Ashingiye kuri Politiki y'u Rwanda yo mu mwaka wa 2010 ijyanye n'ipiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi;

Ashingiye kuri Politiki y'u Rwanda y'Ubuziranenge yo mu mwaka wa 2010;

Bitewe n'uko Ibigo byigenga bitanga Ibyemezo by'Ubuziranenge bigomba gukurikiranwa n'Inzego za Leta zibishinzwe;

Amaze kugisha inama inzego zose bireba;

ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:

Ingingo ya mbere : Ikigamijwe

Aya mabwiriza agenga ibigo byigenga bitanga ibyemezo by'ubuziranenge.

Ingingo ya 2 : Kwemererwa

Buri Kigo Cyigenga gitanga Ibyemezo by'Ubuziranenge gishaka gukorera mu Rwanda kigomba kuba cyemewe n'Ikigo kizwi mu Rwanda, mu Karere cyangwa ku rwego Mpuzamahanga gikora igenzura ry'abatanga Ibyemezo by'Ubuziranenge.

Having considered the Rwanda Competition and Consumer Protection Policy of 2010;

Having considered the Rwandan Quality Policy of 2010;

Having considered that Private Certification Bodies need to be regulated and that the efficiency of certification services offered to Rwandan Companies needs to be monitored by Public Institutions;

After consultation with all institutions concerned;

ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:

Article One: purpose of this instruction

This instruction regulates the private certification bodies intending to offer certification services in Rwanda.

Article 2: Accreditation

Every Private Certification Body intending to offer Certification Services in Rwanda shall be accredited by a recognized National, Regional or International Accreditation Body.

Vu la Politique Nationale du Rwanda de 2010 portant sur la concurrence et la protection des consommateurs ;

Vu la Politique Nationale du Rwanda de 2010 portant sur la Normalisation ;

Considérant que les Organismes Privés de Certification doivent être réglementés et que l'efficacité des services de certification offerts aux Sociétés rwandaises doit être surveillée par l'Etat;

Après avoir consulté tous les institutions concernées ;

EMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

Article Premier : Objectif de présente instruction

La présente Instruction Ministérielle règle les Organismes privé de certification ayant l'intention d'offrir des services de certification au Rwanda.

Article 2 : Accréditation

Chaque Organisme Privé de Certification ayant l'intention d'offrir des services de certification au Rwanda doit être accrédité par un Organisme d'Accréditation reconnu au niveau National, Régional ou International.

Ingingo ya 3: Kwiyandikisha

Buri Kigo Cyigenga gitanga Ibyemezo by'Ubuziranenge kigomba kwandikisha ibikorwa byacyo mu biro by'Umwanditsi Mukuru w'Amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) no mu Biro bishinzwe kugenzura Ibigo bitanga Ibyemezo by'Ubuziranenge muri Minisiteri ifite Ubucuruzi mu nshingano zayo hamaze kwerekana icyemezo gitangwa n'ikigo cyizwi gikora igenzura ry'abatanga Ibyemezo by'Ubuziranenge.

Ingingo ya 4: icyicaro

Buri Kigo Cyigenga gitanga Ibyemezo by'Ubuziranenge kigomba kugira aho gikorera hazwi mu Rwanda aho ubutumwa n'imenyeshya bishobora kujya bikigezwaho, ari naho hafatwa nkaho ikigo kibarizwa igihe cy'ikurikiranwa iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 5: Igenzura

Iburo bishinzwe igenzura ry'Ibigo bitanga Ibyemezo by'Ubuziranenge nibyo bifite inshingano yo kugenzura serivisi zitangwa n'Ibigo Byigenga bitanga Ibyemezo by'Ubuziranenge mu Rwanda.

Ingingo ya 6: Igihe atangira gukurikizwa

Aya Mabwiriza atangira gukurikizwa umunsi ashiriyeho umukono.

Article 3: Registration

All Private Certification Bodies shall register their business at the Registrar General of Companies in Rwanda Development Board (RDB) and at the National Accreditation Focal Point in the Ministry with Trade in its attributions upon presentation of a valid certificate of Accreditation.

Article 4: Domicile

Every Private Certification Body shall have a registered office in Rwanda to which all communications and notices may be addressed and which shall constitute the address for service of legal proceedings on the company.

Article 5: Monitoring

The National Accreditation Focal Point is responsible for monitoring the efficiency of certification services offered to Rwandan Companies.

Article 6: Commencement

These instructions shall come into force on the date of their signature.

Article 3 : Registration

Tous les Organismes Privés de certification doivent se faire enregistrer chez le Registraire Général des Entreprises au sein de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda (RDB) et chez l'Officier chargé du contrôle des Organismes d'Accréditation au sein du Ministère ayant le Commerce dans ses attributions sur présentation d'un certificat valide d'accréditation.

Article 4: Domicile

Chaque Organisme Privé de Certification doit avoir un domicile reconnu au Rwanda où toutes communications et notifications peuvent lui être adressées et lequel domicile représente le domicile légal de la société en cas de procédures judiciaires.

Article 5 : Surveillance

L'Office National chargé du contrôle des services d'Accréditation est chargé de surveiller l'efficacité des services de certification offerts aux Sociétés Rwandaises.

Article 6 : Entrée en vigueur

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Official Gazette n° 35 of 27/08/2012

Kigali, kuwa **10/07/2012**

(sé)
KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

Kigali, on **10/07/2012**

(sé)
KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

Kigali, le **10/07/2012**

(sé)
KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie

ITEKA RYA MINISITIRI N°25/08.11 RYO KUWA 03/02/2012 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO W'ABANITIRISIYONISITI MU RWANDA (RNS) KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°25/08.11 OF 03/02/2012 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «RWANDA NUTRITIONISTS SOCIETY (RNS)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°25/08.11 DU 03/02/2012 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'ASSOCIATION «COMMUNAUTE DES NUTRITIONNISTES AU RWANDA (RNS)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere : Izina n'icyicaro by'Umuryango

Ingingo ya 2 : Intego z'Umuryango

Ingingo ya 3 : Abavugizi b'Umuryango

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One : Name and Head Office of the Association

Article 2: Objectives of the Association

Article 3: Legal Representatives

Article 4: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Dénomination et siège de l'Association

Article 2: Objectifs de l'Association

Article 3: Représentants Légaux

Article 4 : Entrée en vigueur

Official Gazette n° 35 of 27/08/2012

ITEKA RYA MINISITIRI N°25/08.11 RYO KUWA 03/02/2012 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO W'ABANITIRISIYONISITI MU RWANDA(RNS) KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°25/08.11 OF 03/02/2012 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «RWANDA NUTRITIONISTS SOCIETY (RNS)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°25/08.11 DU 03/02/2012 ACCORDANT LA PERSONNALITE «COMMUNAUTE DES NUTRITIONNISTES AU RWANDA (RNS)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice/ Attorney General,

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n°27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Abisabwe n'Umuwugizi w'UMURYANGO W'ABANITIRISIYONISITI MU RWANDA (RNS) mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 12/12/2011;

On request lodged by the legal representative of the «RWANDA NUTRITIONISTS SOCIETY (RNS)» on 12/12/2011;

Sur requête de la Représentante Légale de l'Association «COMMUNAUTE DES NUTRITIONNISTES AU RWANDA (RNS)» reçue le 12/12/2011;

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS :

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Izina n'icyicaro by'Umuryango

Ubuzimagatozi buhawe **UMURYANGO W'ABANITIRISIYONISITI MU RWANDA (RNS)** ufite icyicaro mu Murenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali. Ariko gishobora kwimurirwa n'ahandi mu Rwanda byemejwe n'Inteko rusange.

Umuryango ukorera mu gihugu hose.

Ingingo ya 2 : Intego z'Umuryango

Umuryango ugamije:

1. Kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Imirire;
2. Gutera inkunga mu guhanga, gushyira mu bikorwa za gahunda zerekeye imirire no kuzinjiza mu zindi gahunda z'iterambere;
3. Kugena ingamba zigamije gukangurira abanyarwanda imigirire myiza mu by'imirire no kugira ubuzima buzira umuze ;
4. Guteza imbere ibikorwa by'ubushakashatsi mu rwego rw'imirire;

Article One: Name and Head Office of the Association

Legal status is hereby granted to the Association «**RWANDA NUTRITIONISTS SOCIETY (RNS)**» situate at Nyarugenge Sector, Nyarugenge District in Kigali City. It may however be shifted to any other place in the Republic of Rwanda upon decision of the General Assembly.

The Association shall carry out its activities throughout the country.

Article 2: Objectives of the Association

The Association aims at achieving the following objectives:

1. To Participate in the implementation of the National Nutrition Policy;
2. To provide technical assistance in conception, implementation and integration of nutrition programs in other development programs;
3. To develop communication strategies for behaviour change about appropriate food and nutrition practices and good lifestyle of Rwandan population;
4. To promote research activities related to nutrition;

Article premier: Dénomination et siège de l'Association

La personnalité civile est accordée à l'Association «**COMMUNAUTE DES NUTRITIONNISTES AU RWANDA (RNS)**» dont le siège est dans le Secteur de Nyarugenge, District de Nyarugenge, Ville de Kigali. Il peut néanmoins être transféré en tout autre endroit de la République du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

L'Association exerce ses activités sur toute l'étendu du Pays.

Article 2 : Objectifs de l'Association

L'Association a pour objectifs:

1. Participer à la mise en œuvre de la Politique Nationale de Nutrition ;
2. Fournir une assistance technique dans la conception, la mise en œuvre et l'intégration des programmes de nutrition dans les autres programmes de développement ;
3. Développer des stratégies de communication pour le changement de comportement en faveur de bonnes pratiques alimentaires et nutritionnelles et des modes de vie sain de la population rwandaise ;
4. Développer la recherche opérationnelle en matière de nutrition ;

Official Gazette n° 35 of 27/08/2012

5. Gutera inkunga mu gushyiraho itegeko mu rwego rw'imirire;

6. Guteza imbere ibikorwa byo kwita ku ndwara zifitanye isano n'imirire;

7. Kugira uruhare mu gushyira mu bikorwa politiki yo kuboneza urubyaro nk'imwe mu ngamba zo guteza imbere imirire myiza y'umubyeyi n'umwana no guharanira ko umuryango ugira ibiribwa bihagije;

8. Kugira uruhare mu bikorwa bya Leta byo kurwanya no kwita ku babana na virusi itera Sida.

5.To contribute towards putting in place legislation related to food and nutrition;

6. To promote quality services about dietotherapy and clinical nutrition;

7. To participate in the implementation of planning family policy as one of the strategies to improve infants and mothers nutritional status and food security;

8. To participate towards the Government effort of preventing and treating HIV AIDS.

5. Contribuer à la mise en place d'une législation alimentaire et nutritionnelle ;

6. Promouvoir la qualité des prestations en matière diétothérapie et la nutrition clinique ;

7. Participer à la mise en œuvre de la politique de la planification familiale comme une des stratégies de l'amélioration de l'état nutritionnel de la mère et de l'enfant et la sécurité alimentaire des ménages ;

8. Participer à l'effort du Gouvernement dans la prévention et la prise en charge du VIH SIDA.

Ingingo ya 3: Abavugizi b'Umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'UMURYANGO W'ABANITIRISIYONISITI MU RWANDA (RNS) ni **Madame UWERA KAMANZI Odette**, Umunyarwandakazi uba mu Murenge wa Rwezamenyo, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w'uwo muryango ni **Bwana MUNYAMBANZA Emmanuel**, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

Article 3: Legal Representatives

Mrs UWERA KAMANZI Odette of Rwandan Nationality, residing in Rwezamenyo Sector, Nyarugenge District, Kigali City, is hereby authorised to be the legal representative of the Association «**RWANDA NUTRITIONISTS SOCIETY (RNS)**».

Mr MUNYAMBANZA Emmanuel of Rwandan nationality, residing in Nyakabanda Sector, Nyarugenge District, Kigali City, is hereby authorized to be the deputy legal representative of the same Association.

Article 3 : Représentants Légaux

Est agréée en qualité de représentante légale de l'Association «**COMMUNAUTE DES NUTRITIONNISTES AU RWANDA (RNS) Madame UWERA KAMANZI Odette** de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Rwezamenyo, District de Nyarugenge, dans la Ville de Kigali.

Est agréé en qualité de représentant légal suppléant de la même Association, **Monsieur MUNYAMBANZA Emmanuel** de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur de Nyakabanda, District de Nyarugenge dans Ville de Kigali.

Official Gazette n° 35 of 27/08/2012

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Kigali, kuwa **03/02/2012**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **03/02/2012**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice/ Attorney General

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **03/02/2012**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

AMATEGEKO SHINGIRO

STATUTES

STATUTS

AMATEGEKO SHINGIRO

STATUTES

STATUTS

UMUTWE WA MBERE:

IZINA, ICYICARO, IGIHE
N'INTEGO

CHAPTER ONE:

NAME, HEAD OFFICE,
DURATION AND OBJECTIVES

CHAPITRE PREMIER :

DENOMINATION, SIEGE,
DUREE ET OBJET

Ingingo ya mbere:

Abashyize umukono kuri iyi nyandiko bashinze umuryango witwa « **Umuryango w'aba nutritionnistes mu Rwanda** », **RNS** mu magambo ahinnye y'icyongereza, rigengwa n'aya mategeko shingiro hamwe n'i20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu.

Ingingo ya 2 :

Icyicaro cy'umuryango gishinzwe mu Mugi wa Kigali, mu Karere ka Nyarugenge, mu Murenge wa Nyarugenge. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.

Umuryango ukorera imirimo mu Rwanda hose. Igihe uzamara ntikigenwe.

Ingingo ya 3 :

Umuryango ukorera imirimo mu Rwanda hose. Igihe uzamara ntikigenwe.

Ingingo ya 4:

Umuryango ugamije:

1. Kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'igihugu y'imirire.
2. Gutera inkunga mu igena migambi no gushyira mu bikorwa za gahunda zerekeye imirire, no kuzinjiza mu zindi

Article One:

The undersigned people convene to create an organization named "**Rwanda nutritionists society**", **RNS** in short, governed by this statute and subject to the provisions of the law n° 20/2000 of July 26th, 2000 on non profit making organizations.

Article 2:

The Head Office of the society is established in Kigali City, Nyarugenge District, Nyarugenge sector. It can, however, be transferred to any other place by the decision of the General Meeting.

Article 3:

The society shall carry out its activities throughout the Rwandan territory. It is created for an undetermined period

Article 4:

The society has the following objectives

- 1.Participate in the implementation of the National Nutrition Policy;
- 2.Provide a technical assistance in the conception, implementation and integration of nutrition programs in other development programs;

Article premier :

Il est constitué entre les soussignés, une communauté dénommée « **Communauté des Nutritionnistes au Rwanda**», **RNS** en sigle en anglais, régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la loi N° 20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif

Article 2 :

Le siège de la communauté est établi dans la ville de Kigali, District de Nyarugenge, secteur de Nyarugenge. Il peut néanmoins être transféré en toute autre localité au Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

Article 3:

La communauté exerce ses activités sur tout le territoire rwandais. Elle est créée pour une durée indéterminée.

Article 4:

La communauté a pour objet de :

- 1.Participer à la mise en œuvre de la Politique Nationale de nutrition
2. Fournir une assistance technique dans la conception, la mise en œuvre et l'intégration des programmes de nutrition dans les

Official Gazette n°35 of 27/08/2012

gahunda z'amajyambere

autres programmes de développement

- | | | |
|---|---|---|
| 3. Kugena ingamba zigamije gukangurira abanyarwanda imigirire myiza mu by'imirire | 3. Develop communication's strategies for behaviour change about appropriate food and nutrition practices and good lifestyle of Rwandan population. | 3. Développer des stratégies de communication pour le changement de comportement en faveur de bonnes pratiques alimentaires et nutritionnelles et des modes de vie sain de la population rwandaise |
| 4. Guteza imbere ibikorwa by'ubushakashatsi mu rwego rw'imirire | 4. Development of operation research in nutrition ; | 4. Développer la recherche opérationnelle en matière de nutrition |
| 5. Gutera inkunga mu gushyiraho itegeko mu rwego rw'imirire | 5. To contribute on putting in place legislation related to food and nutrition; | 5. Contribuer à la mise en place d'une législation alimentaire et nutritionnelle |
| 6. Guteza imbere ibikorwa bwo kwita ku ndwara zifitanye isano n'imirire | 6. To promote quality services about dietotherapie and clinical nutrition; | 6. Promouvoir la qualité des prestations en matière de Diétothérapie et la Nutrition clinique |
| 7. Kugira uruhare mu gushyira mu bikorwa politiki yo kuboneza urubyaro nk'imwe mu ngamba zo guteza imbere imirire myiza y'umuryango no guharanira ko ugira ibiribwa bihagije bityo ubuzima bw'umubyeyi n'umwana bugatera imbere | 7. To participate in the implementation of planning family policy as one of the strategies to improve infants and mothers nutritional status and food security; | 7. Participer à la mise en œuvre de la politique de Planification familiale comme une des stratégies de l'amélioration de l'état nutritionnel de la mère et de l'enfant et de la sécurité alimentaire des ménages |
| 8. Kugira uruhare mu bikorwa bya leta byo kwita ku babana na virusi itera SIDA | 8. Participate to government effort of preventing and treating HIV/AIDS (prevention and treatment). | 8. Participer à l'effort du gouvernement dans la prévention et la prise en charge du VIH /SIDA |

Ingingo ya 5:

Umuryango uzamara igihe kitagenwe.

Article 5:

The society is created for an indetermined duration.

Article 5 :

La communauté est créée pour une durée indéterminée.

INTERURO YA II:
ABANYAMURYANGO

CHAPTER II: MEMBERSHIP

CHAPITRE II :
DES MEMBRES

Ingingo ya 6 :

Umuryango w'aba nutritionnistes mu Rwanda ugizwe n'ibyiciro bitatu by'abanyamuryango:

1. abanyamuryango barishinze: ni abashyize umukono kuri aya mategeko;
2. abanyamuryango baryinjiyemo: ni abasabye kuryinjiramo kandi bakiyemeza kugengwa n'aya mategeko, bakemerwa n'Inteko Rusange;
3. Abanyamuryango b'icyubahiro: ni abatera inkunga Umuryango RNS mu bitekerezo, mu mafaranga cyangwa no mu wundi mutungo, bemewe n'Inteko Rusange. Bagishwa inama gusa ariko ntibatora cyangwa ngo batorwe.

Ingingo ya 7 :

Abanyamuryango nyakuri ba RNS ni aba nutritionnistes bashyize umukono kuri aya mategeko.

Ingingo ya 8 :

Abanyamuryango barishinze n'abanyamuryango baryinjiyemo nibo banyamuryango nyakuri ba RNS.

Biyemeza kurishyigikira no kugira uruhare rugaragara mu bikorwa byaryo.

Bemerewe kuza mu Nteko Rusange kandi bagafata ibyemezo.

Article 6 :

The Rwanda Nutritionists' Society is composed of 3 categories of members:

1. Founder members are the signatories of this statute;
2. Adherent members are physical persons who, upon request and after subscription to this statute, are agreed by the General Assembly;
3. Honorary members are physical or moral people agreed by the General Assembly due to special support rendered to the association. They have consultative role, but they have no right to vote.

Article 7:

The RNS's effective members are nutritionists who have signed this statute.

Article 8:

The founder members and adherent members constitute the effective membership of the RNS.

They undertake to participate in all the activities of the society.

They attend the meetings of the General Assembly with deliberative voice and must pay up contributions determined by the General Assembly.

Article 6 :

La communauté des Nutritionnistes au Rwanda se compose de trois catégories de membres :

1. les membres fondateurs : sont les signataires des présents statuts ;
2. les membres adhérents : sont ceux qui, après en avoir fait la demande et souscrit aux présents statuts, ont été agréés par l'Assemblée Générale ;
3. Les membres d'honneur : sont les personnes physiques ou morales qui apportent un soutien moral, financier et/ou matériel au RNS et qui sont agréés par l'Assemblée Générale. Ils ne peuvent pas élire ou être élus.

Article 7:

Sont membres effectifs de la communauté, les Nutritionnistes qui sont signataires des présents statuts.

Article 8:

Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de RNS.

Ils s'engagent à soutenir la communauté et à participer loyalement à toutes ses activités.

Ils assistent aux Assemblées Générales avec voix délibératives.

Inyandiko zisaba kuba umunyamuryango zoherezwa Perezida wa Komite nskingwabikorwa bikomezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 9:

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'urupfu, gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa guseswa k'Umuryango.

Gusezera kubushake bimenyeshwa Perezida mu nyandiko, bikomezwa n'Inteko Rusange.

Kwirukanwa bifite ishingiro kandi byemejwe n'ubwiganze bw'amajwi angana nibura na 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bisabwe n'Inama y'Ubuyobozi.

INTERURO YA III:
IBY'INZEGO

Ingingo ya 10:

Inzego z' umuryango ni izi zikurikira: Inteko Rusange, Inama y'Ubuyobozi, n'Akanama k'ubugenzuzi

Umutwe wa mbere: Inteko Rusange

Ingingo ya 11:

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango kandi rugizwe n'abanyamuryango nyakuri bese. Rufite ububasha busesuye bwo gushyiraho no guhindura ibikorwa by'Umuryango.

Ingingo ya 12 :

Perezida w'Umuryango atorwa

Applications for membership are addressed to the President of the Executive Committee who submit them to the General Assembly for approval.

Article 9:

Loss of membership is caused by death, voluntary resignation, exclusion or dissolution of the society.

Voluntary resignation is addressed in writing to the President and submitted to the General Assembly for approval.

Exclusion of a member is pronounced by the General Assembly by 2/3 effective members

CHAPTER III: ORGANS

Article 10 :

The organs of the society are the General Assembly, Executive Committee, the Auditing Committee

Section One: General Assembly

Article 11:

The General Assembly is the supreme organ of the society. It is composed of all the effective members of the association. It has a larger power to proceed or to modify actions for the interest of the society.

Article 12:

The president of the society is

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du comité exécutif et soumise à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Article 9:

La qualité de membre se perd soit par le décès, soit par la démission volontaire, l'exclusion ou la dissolution de la communauté.

La démission volontaire est adressée par écrit au Président qui la soumet à l'approbation de l'Assemblée Générale.

L'exclusion motivée d'un membre et décidée par la majorité des 2/3 des membres.

CHAPITRE III : DES ORGANES

Article 10 :

Les organes de la communauté sont : l'Assemblée Générale, le Conseil d'Administration et la Commission de Surveillance

Section premier : De l'Assemblée Générale

Article 11:

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de la communauté et elle est composée de tous les membres effectifs. Elle a les pouvoirs les plus étendus pour agir ou modifier les actes intéressant la communauté.

Article 12:

Le Président de la communauté est

Official Gazette n°35 of 27/08/2012

mu banyamuryango nyakuri ba RNS, mu gihe cy'imyaka itatu ishobora kongerwa

Akurikiranira hafi imikorere y'Inama y'Ubuyobozi n'iy'Akanama k'Ubugenzuzi.

Niwe Muvugizi imbere y'amategeko w'Umuryango RNS. Atumira kandi akayobora inama z'Inteko Rusange. Iyo atabonetse asimburwa na Visi-Perezida.

Ingingo ya 13:

Visi-Perezida atorwa mu banyamuryango nyakuri ba RNS mu gihe cy'imyaka itatu ishobora kongerwa. Afasha Perezida w'Ishyirahamwe mu mirimo ye. Ni Umuvugizi Wungirije w'Umuryango imbere y'amategeko.

Ingingo ya 14:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira :

1. Kwemeza no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere
2. Gutora no kuvanaho abagize Inama y'Ubuyobozi n'abagenzuzi b'imari;
3. Kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari y'umwaka;
4. Kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;
5. Kwemeza ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka

elected among the effective members of RNS, for a mandate of 3 years renewable.

He/she follows the functioning of the administrative council and the surveillance commission. He/she is the legal representative of RNS.

He/she calls and chairs the General Assembly meetings and in his/her absence, he/she is replaced by the Vice President.

Article 13 :

The Vice-president is elected among RNS members for a mandate of 3 years renewable. He/she assists the President in his/her functions. He/she is the legal deputy of RNS.

Article 14:

The General Assembly has the following powers:

1. To adopt and modify the statute and internal regulations of the society;
2. To elect and dismiss the members of the legal representatives and internal auditors;
3. To approve the action plans and annual budgets;
4. To admit, to suspend and to exclude a member;
5. To approve the yearly accounts of the association;

élu parmi les membres effectifs de RNS, pour un mandat de trois ans renouvelables.

Il/elle suit de près le fonctionnement du Conseil d'Administration et de la Commission de Surveillance.

Il est le Représentant Légal de RNS. Il convoque et préside les réunions de l'Assemblée Générale et en cas d'absence ou d'empêchement, il est remplacé par son vice-président.

Article 13 :

Le Vice-président est élu parmi les membres de RNS, pour un mandat de trois ans renouvelables. Il assiste le Président de l'Assemblée Générale dans ses fonctions. Il est le Représentant Légal Suppléant de RNS.

Article 14 :

L'Assemblée Générale exerce les attributions suivantes:

1. Adopter et modifier les statuts et le Règlement d'ordre intérieur;
2. nommer et révoquer les Représentants Légaux et les Représentants Légaux Suppléants de la communauté;
3. déterminer les activités de l'Association;
4. admettre, suspendre ou exclure un membre;
5. approuver les comptes annuels;

- | | | |
|-------------------------------|-------------------------------------|----------------------------------|
| 6. Kwemera impano n'indagano; | 6. To accept donation and legacies; | 6. Acceptation des dons et legs; |
| 7. Gusesa Umuryango. | 7. To dissolve the society. | 7. Dissolution de la communauté. |

Ingingo ya 15:

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe ihamagawe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari. Igihe Perezida na Visi Perezida batabonetse, Inteko Rusange itumizwa bisabwe na 1/3 cy'abanyamuryango. icyo gihe, inama iyoborwa na Perezida watorewe icyo gusa mu banyamuryango bahari. Ishobora kandi gutumizwa mu nama idasanzwe bisabwe nibura na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 16 :

Inteko Rusange itumizwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo ibe kandi urwandiko rutumira buri munyamuryango rwerekana ibigomba gusuzumwa. Ibigomba gusuzumwa n'Inteko Rusange bitegurwa na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi. Impaka zigibwa ku biri ku murongo w'ibyigwa. Perezida agomba kongeraho ikindi kibazo cyose cyemejwe n'ubwiganze bw'abanyamuryango nyakuri baje mu nama. Urwandiko rutumira inama rugomba gusobanura isaha, umunsi n'aho izabera.

Article 15 :

The General Assembly gathers once a year in ordinary session on the invitation of its President or, in his/her absence, the Vice-President. If there is a hitch from the President and the Vice-President, the general assembly will gather on the demand of 1/3 members. In this case the meeting will be chaired by a president elected among present members for this purpose. The general assembly can convene as an extraordinary session at any time on the demand of the administrative council or 1/3 of effective members.

Article 16:

The convocations containing the agenda are addressed to each member at least fifteen (15) days before the General Assembly meeting. The agenda is established by the Head of the administration council. The discussions are related to the registered questions on the agenda. The President is held to add to it any other points admitted by the simple majority of the effective members present. The convocation specifies the places, the days and the hours when the sessions are going to take place.

Article 15 :

L'Assemblée Générale se réunit en session ordinaire une fois par an sur convocation de son Président ou en son absence par son Vice-président. En cas d'empêchement de son Président et de son Vice-président, l'Assemblée Générale sera convoquée à la demande d'un tiers des membres. Dans ce cas, la réunion sera présidée par un Président élu à cet effet parmi les membres présents. Elle peut être convoquée en session extraordinaire à tout moment sur proposition du Conseil d'Administration ou à la demande d'un tiers des membres effectifs.

Article 16:

Les convocations contenant l'ordre du jour sont adressées à chaque membre au moins quinze (15) jours avant les réunions de l'Assemblée Générale. L'ordre du jour est établi par le Président du Conseil d'Administration. Les discussions portent sur les questions inscrites à l'ordre du jour. Le Président est tenu d'y ajouter tout autre point admis par la majorité simple des membres effectifs présents. La convocation précise les endroits, les jours et les heures où se tiennent les sessions.

Ingingo ya 17:

Inteko Rusange iyoborwa na Perezida wayo (Umuvugizi), atabonetse iyoborwa na Visi-Perezida (Umuvugizi Wungirije).

Umunyamabanga w'Inama y'Ubuyobozi niwe ukora inyandiko-mvugo y'ikoraniro ry'Inteko Rusange.

Umunyamuryango ashobora gutanga uburenganzira bwo guhagararirwa mu nama akoresheje inyandiko ishyikirizwa Perezida w'Inteko Rusange.

Ingingo ya 18:

Uretse ibiteganywa n'ingingo ya 34 na 35 z'aya mategekoshingiro, Inteko Rusange iterana ku buryo bwemewe hari nibura 2/3 by'abanyamuryango nyakuri. Iyo uwo mubare fatizo utagezeho, hatumizwa indi nama mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira igasuzuma ibibazo byari byateganijwe kandi ifata ibyemezo bidakuka iyo hari nibura ½ cy'abanyamuryango.

Inyandiko mvugo z'Inteko Rusange zishyirwaho umukono na Perezida w'Inama n'Umunyamabanga.

Umutwe wa kabiri: Inama y'ubuyobozi

Ingingo ya 19:

Umuryango RNS ucungwa n'Inama y'Ubuyobozi itorwa n'Inteko Rusange.

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'aba bakurikira:

Article 17 :

The General Assembly is headed by his/her President (Legal Representative), in the event of prevention by her Vice-president (Temporary Legal Representative). The Secretary of the Board of Directors reports work of the General meeting.

A member can be made represent with the help of power of attorney addressed to the President of the General Assembly.

Article 18 :

Except with the provisions of articles 34 and 35 of these statutes, the General meeting meets validly only if the majority of the 2/3 of the effective members are present. If the quorum is not reached, one second General meeting is convened under the same conditions as the first within 15 days, and deliberates validly if the half of the effective members is present.

The official reports of the General assembly are signed by the Head and the Secretary.

Section II : Administration Council

Article 19 :

The RNS is managed by an Executive Committee which have been elected by the General Assembly and composed by :

Article 17 :

L'Assemblée Générale est dirigée par son Président (Représentant Légal), en cas d'empêchement par son Vice-président (Représentant Légal Suppléant).

Le Secrétaire du Conseil d'Administration rapporte les travaux de l'Assemblée Générale.

Un membre peut se faire représenter moyennant procuration adressée au Président de l'Assemblée Générale.

Article 18 :

Exception faite aux dispositions des articles 34 et 35 des présents statuts, l'Assemblée Générale ne se réunit valablement que si la majorité des 2/3 des membres effectifs sont présents. Si le quorum n'est pas atteint, une seconde Assemblée Générale est convoquée dans les mêmes conditions que la première endéans 15 jours, et délibère valablement si la moitié des membres effectifs sont présents.

Les procès-verbaux de l'Assemblée Générale sont signés par le Président de la séance et par le Secrétaire.

Section II : Du Conseil d'Administration

Article 19 :

La communauté RNS est administrée par un Conseil d'Administration qui a été élu par l'Assemblée Générale et est composé comme suit :

Official Gazette n°35 of 27/08/2012

- | | | |
|--|--|--|
| <ul style="list-style-type: none">▪ Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ni nawe uhagarariye umuryango mu mategeko.▪ Visi- Perezida wayo akaba n’uhagarariye umuryango mu mategeko wungirije▪ Umunyamabanga n’abajyanama batatu bashyirwaho n’abanyamuryango nyakuri bagize Inteko Rusange.▪ Umubitsi afite inshingano zo gucunga umutungo w’umuryango. Niwe ushinzwe kwishyura no kwakira imisanzu n’andi mafaranga agenewe umuryango. Ategura raporo y’imikoreshereze y’umutungo akayigaragariza Inama y’ubuyobozi ndetse n’Inama ruzange buri mwaka. Mu rwego rwo kugaragaza umucyo mu byo akora, agomba kugaragaza raporo y’iby akora kenshi. | <ul style="list-style-type: none">• The President : Legal Representative ;• The Vice-President: Deputy Legal Representative ;• The Secretary and 3 advisors designated by the General Assembly.• The treasurer is responsible for managing the financial wealth of the society. He (she) makes payments, collect the amounts owed to the association, cash contributions, prepare the income statement and balance sheet presented at the annual general meeting where he (she) realizes its mission to the Board of administration. For the sake of transparency, he (she) shall report regularly on his/her management. | <ul style="list-style-type: none">▪ Un Président qui est le Représentant légal de la communauté▪ Un Vice-président qui est le Représentant Légal Suppliant▪ Un Secrétaire et Trois Conseillers élus par les membres effectifs de l’Assemblée Général▪ Le (la) trésorier(e) a la responsabilité de gérer le patrimoine financier de la communauté. Il (elle) effectue les paiements, perçoit les sommes dues à l’association, encaisse les cotisations, prépare le compte de résultat et le bilan présentés à l’assemblée générale annuelle où il (elle) rend compte de sa mission au conseil d’administration. Dans un souci de transparence, il (elle) doit rendre compte régulièrement de sa gestion. |
|--|--|--|

Ingingo ya 20:

Abagize Inama y’Ubuyobozi bamara imyaka itatu kandi bashobora kongera guturwa igihe cyose Inteko Rusange izaba ikibafitiye ikizere.

Ingingo ya 21 :

Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi:

- Kubahiriza ishikiranwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inteko Rusange;
- Gutegura amategeko yihariye agenga umuryango no kuyashyikiriza inteko rusange ngo iyemeze

Article 20 :

The members of the Executive Committee are elected among the effective members by the General Assembly for a term of 3 years renewable once.

Article 21:

The Executive Committee is in charge of :

- executing the decisions of the General Assembly;
- Elaborating the Internal Regulations of the society and submit it to the approval of the General Assembly;

Article 20 :

Les membres du Conseil d’Administration sont élus pour un mandat de trois ans renouvelables.

Article 21:

Les attributions du Conseil d’Administration sont :

- Veiller à la bonne exécution des décisions de l’Assemblée Générale ;
- Elaborer le Règlement d’Ordre Intérieur de la communauté et le soumettre à l’approbation de l’Assemblée Générale ;

Official Gazette n°35 of 27/08/2012

- | | | |
|---|--|---|
| ▪ Kuyobora Umuryango; | ▪ The management of the society; | ▪ Administrer la Communauté |
| ▪ Gushyikiriza Inteko Rusange umushinga w'ingengo y'imari, na raporo y'icunga-mari; | ▪ Submitting to the General Assembly the budget proposals and the management of annual reports; | ▪ Soumettre à l'Assemblée Générale les Projets de budget et les rapports annuels de gestion ; |
| ▪ Guha akazi abakozi bakenewe no kubasezerera bibaye ngombwa; | ▪ Approving recruitment and dismissal of society's members; ensuring the respect and the preservation of the rights and prerogatives | ▪ Approuver les engagements et les licenciements des agents de la communauté ; |
| ▪ Kubahiriza no gushimangira ubusugire bw'Umuryango. | ▪ Ensuring the respect and the preservation of the rights and prerogatives. | ▪ Veiller au respect et au maintien des droits et prérogatives |

Ingingo ya 22 :

Inama y'Ubuyobozi iterana nibura inshuro enye (4) mu mwaka ihamagajwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida wayo iyo hari impamvu zatumye Perezida ataboneka. Kugirango Inama y'Ubuyobozi ishobore guterana hagomba kuba hari 2/3 by'abayigize barimo byanze bikunze Perezida cyangwa Visi-Perezida. Ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi y'abaje mu nama.

Iyo amajwi anganyye, ijwi rya Perezida rikemura impaka. Inyandiko zitumira abagize Inama y'Ubuyobozi mu nama zigomba kubageraho byibura mbere y'iminsi 15 kandi ziriho ibigomba gusuzumwa.

Ingingo ya 23:

Ishimwe ry'abagize Inama y'Ubuyobozi riteganywa n'amategeko ngenga mikorere.

Ingingo ya 24:

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Article 22 :

The board meets once per quarter on convocation of his/her President or, in his/her absence, by his/her Vice-President. The requisite quorum for the Administration Council meeting is 2/3 of its members, his/her President and/or his/her Vice-President are obligatory included. Resolutions of the Administration Council are made in the simple majority of the members present.

In the event of equality of votes, the one of the Head is dominating. The convocations containing the agenda are addressed to the members at least 15 days before the meeting takes place.

Article 23 :

The compensation of the board members is determined in the internal regulations.

Article 24 :

The Head of the Board,

Article 22 :

Le Conseil d'Administration se réunit une fois par trimestre sur convocation de son Président ou en cas d'empêchement par son Vice-président. Le quorum requis pour les réunions du Conseil d'Administration est de 2/3 de ses membres comprenant obligatoirement son Président et/ou son Vice-président. Les décisions du Conseil d'Administration sont prises à la majorité simple des membres présents.

En cas de partage de voix, celle du Président de la séance est prépondérante. Les convocations contenant l'ordre du jour sont adressées aux membres au moins 15 jours avant la réunion.

Article 23 :

Le jeton de présence des membres du conseil d'administration est déterminé dans le règlement d'ordre intérieur

Article 24 :

Le Président du Conseil

Official Gazette n°35 of 27/08/2012

ari nawe Muvugizi w'Umuryango niwe utumiza, agategura kandi akayobora Inama zose z'Ubuyobozi.

Ingingo ya 25:

Visi-Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ari nawe Muvugizi Wungirije w'Ishyirahamwe afasha Perezida kandi akamusimbura iyo adahari cyangwa atabonetse.

Ingingo ya 26:

Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije b'Umuryango nibo bonyine bafite uburenganzira mu kuwuhagararira no kuwuvuganira imbere y'amategeko.

**Icyiciro cya III:
Ubunyamabanga**

Ingingo ya 27:

Umunyamabanga akora inyandiko-mvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'Inteko Rusange kandi agashyingura inyandiko zose ku kicaro cy'Umuryango.

Icyiciro cya IV: Biro y'Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 28:

Biro y'Inama y'Ubuyobozi igizwe na Perezida wayo, Visi-Perezida, n'Umunyamabanga bayo.

Ingingo ya 29:

Biro y'Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zo gukurikirana imitunganyirize n'imicungire ya

Representative Legal of Society, convenes, prepares and chairs all the board meetings.

Article 25 :

The Vice-President assists the President and replaces him/her when he/she is absent or if there is a hitch.

Article 26 :

The Legal Representative and the Deputy Legal Representative of the Society are the only ones entitled to represent and to make the legal documents in the name of the society.

**Section III :
Secretariat**

Article 27 :

The Secretary draws up the reports of the board and the General Assembly meetings and keeps the files at the Society central office.

Section IV: of the board office.

Article 28 :

The board office is composed of his President, his/her Vice-President and his/her Secretary.

Article 29:

The board office has the role of ensuring the follow-up of daily management of the Society. It

d'Administration, Représentant Légal de la Communauté, convoque, prépare et dirige toutes les réunions du Conseil d'Administration.

Article 25 :

Le Vice-président assiste le Président et le/la remplace en cas d'absence ou d'empêchement.

Article 26 :

Le Représentant Légal et le Représentant Légal Suppléant de la Communauté sont seuls habilités pour représenter et poser les actes juridiques au nom de la communauté.

**Section III :
Du Secrétariat**

Article 27 :

Le Secrétaire dresse les procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration et de l'Assemblée Générale et conserve les archives au bureau central de la Communauté.

Section IV: Du Bureau du Conseil d'Administration

Article 28 :

